



National Bank of Rwanda

Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda

Tel: (+250) 788199000 /

Website: www.bnr.rw /

E-mail: info@bnr.rw /

Swiftcode: BNRWRWRW /

Twitter: @CentralBankRw

The Governor

ITANGAZO

Ishingiye ku "NGAMBA NSHYA ZA GUVERINOMA Y'U RWANDA ZO GUKUMIRA ICYOREZO CYA KORONAVIRUSI" nk'uko zatangajwe ku wa 21 Werurwe 2020, Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) irifuza kumenyesha abantu bose ibi bikurikira:

1. Nta mpamvu yo kugira ubwoba/guhangayika kuko Banki, Ibigo by'Imari Iciriritse n'Amakoperative yo Kuzigama no Kugurizanya (SACCos) bizakomeza imirimo yabyo ariko bitanga serivisi nkenerwa gusa ku bantu babigana kuva saa mbiri za mugitondo kugeza saa cyenda z'amanywa (8:00AM – 3:00PM) mu minsi y'imibyizi (kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu);
2. Banki zizongera abakozi bakomeze bafashe abakiriya bazo batari basanzwe bariyandikishije mu gukoresha ikoranabuhanga, kugira ngo baryinjiremo kandi riborohere mu kurikoresha;
3. Yongeye kwibutsa abakiriya bose gukoresha imiyoboro y'ikoranabuhanga mu kohererezanya amafaranga cyangwa mu kugura ibicuruzwa na serivisi, cyane cyane ko Banki zose n'Ibigo by'Itumanaho rya Telefoni byavanyeho ikiguzi icyo ari cyo cyose kugira ngo byorohereze rubanda mu gukoresha ubwo buryo;
4. Abacuruzi na bo ndetse n'abandi bose bagira uruhare mu bukungu baributswa ko inzira y'ikoranabuhanga ari yo nziza kurusha izindi ikwiye gukoreshwa mu kwishyurwa;
5. Mu rwego rwo kwirinda no kugabanya ibyago byo gukwirakwiza COVID-19, umuntu uzaba yishyuwe hakoreshejwe sheki ntazemererwa gufata amafaranga kuri "*guichet*" ahubwo amafaranga ye azajya ashirwa kuri konti ye.

Mu gihe ariko sheki ari iy'umukiriya wa banki, akayikoresha agiye kubikuza kuri konti ye, umubare w'amafaranga afatira kuri "*guichet*" ntushobora kurenga miliyoni imwe y'amanyarwanda (1.000.000 FRW) ku munsi.

Bikorewe i Kigali ku wa 21 Werurwe 2020



RWANGOMBWA John
Guverineri